**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA NYAMAGABE**

---

**ITANGAZO N°.1138. /2023 RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA GUKORESHA IVURIRO RY'AMATUNGO**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa, gupiganira gukoresha ivuriro ry'amatungo *(Proximity Veterinary Post)* riherereye mu Murenge wa Gasaka, Akagari ka Ngiryi, Umudugudu wa Munyege; ryubatswe ku bufatanye hagati y'Akarere n'umushinga ushinzwe guteza imbere ubworozi bw'amatungo magufi (PRISM), wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), ukorera mu Kigo Gishinzwe guteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).

Mu rwego rw'ubufatanye na Leta (Public Private Partnership), Ubuyobozi bw'Akarere burarikiye abavuzi b'amatungo bikorera, yaba abakorera muri koperative, abafite sosiyete/kampani ndetse n'abikorera ku giti cyabo (*Private Veterinary Practitioners*) bifuza gukoresha ivuriro ry'amatungo ryavuzwe haruguru kandi bujuje ibisabwa, kwitabira iri piganwa.

Uwifuza kubona Dosiye y'ipigana ashobora kuyihabwa ku cyicaro cy'Akarere ka Nyamagabe, **guhera kuwa 22/03/2023**, Ibindi bisobanuro byose bijyana n'iri pigana byashakirwa ku Biro by'Akarere ka Nyamagabe, kuri Tel: 0788878298/0785199849.

Abiyemeje gupiganira iri soko basabwe kuzageza amabahasha afunze neza akubiyemo inyandiko zirimo kopi enye (imwe y'umwimerere yanditseho "ORIGINAL" n'eshatu za fotokopi zanditseho "KOPI") ku cyicaro cy'Akarere ka Nyamagabe bitarenze **kuwa 04/04/2023** saa yine za mugitondo (10h00 am). Izo nyandiko zizaherekezwa kandi n'izindi mpapuro zangombwa (Dossiers administratifs) zivugwa muri Dosiye y'ipigana.

**Gufungura amabahasha y'abapiganye bizakorwa mu ruhame uwo munsi kuwa 04/04/2023 i saa yine n'igice za mugitondo** (10h30 am) **ku cyicaro cy'Akarere.**

*Bikorewe i Nyamagabe, kuwa 22/03/2023*

**NGARAMBE Alfred**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere**